

RWANDA / JUDGMENT

UBUSHINJACYAHA v. BAKUNDUKIZE

RPAA01330/2024/CA

COURT

Court of Appeal

DECIDED

24 October 2025

CASE / FILE NUMBER

RPAA01330/2024/CA

Source: amategeko.gov.rw · Research copy typeset by Esheria. Not court-issued or certified.

UBUSHINJACYAHA v. BAKUNDUKIZE

- Source: Amategeko
- Section: Decisions (Judgements)
- Date: 2025-10-24
- Case/document no.: RPAA01330/2024/CA
- Collection: Court of Appeal

Text

Page 1

UBUSHINJACYAHA v. BAKUNDUKIZE [Rwanda URUKIKO RW'UBUJURIRE – RPAA01330/2024/CA (Mukandamage, P.J.) 24 Ukwakira 2025] Amategeko agenga imanza nshinjabyaha – Inyito y'icyaha – Guhindura inyito y'icyaha – Guhindura inyito y'icyaha ni uburenganzira n'inshingano umucamanza afite mu gihe cyose asanga ibikorwa uregwa akurikiranyweho bidahuye n'inyito byahawe n'inkiko zabanje, hakurikijwe ihame ry'uko umucamanza aregerwa ibikorwa bigize icyaha ataregerwa inyito yacyo. Incamake y'ikibazo: Ubushinjacyaha bwareze Bakundukize mu Rukiko Rwisumbuye rwa Gasabo icyaha cyo gusambanya umwana w'imyaka 17, bumusababira guhamwa n'icyo cyaha agahanishwa igihano cy'igifungo cy'imyaka 20. Bakundukize yaburanye ahakana icyaha aregwa avuga ko atari gusambanya umwana kandi batarabanaga mu nzu imwe, kuko uwo mwana yabaga kwa nyir'igipangu, kandi ko uwatanze ubuhamya atamuzi, asaba ko hagaragazwa raporo Muganga yakoze kuko bombi bapimwe, no kurenganurwa akagirwa umwere. Urukiko Rwisumbuye rushingiye ku bimenyetso bitandukanye birimo ko Uregwa yiyemereye ko yararanye n'umwana ku buriri bumwe, imvugo z'umwana wavuze ko muri uko kurarana yamusambanyije, rwemeje ko ahamwa ahamwa n'icyaha cyo gusambanya umwana, rumuhanisha igifungo cy'imyaka 21. Uregwa yajuririye mu Rukiko Rukuru ariko ubujurire bwe

ntibwahabwa ishingiro, bituma ajuririra muri uru Rukiko rw'Ubujurire asaba kugirwa umwere, ngo kuko ibimenyetso byashingiweho ahamwa n'icyaha cyo gusambanya umwana bishidikanywaho, ko kandi uwo mwana w'umukobwa aregwa gusambanya yari mukuru. Asobanura ko uwo aregwa gusambanya atari umwana nk'uko bigaragazwa n'icyemezo cy'amavuko ye ko yavutse mu mwaka wa 2001, icyaha kivugwa kikaba cyarakozwe hagati yo ku wa 04/12/2019 no ku wa 10/12/2019, bivuze ko icyo gihe yari afite imyaka 18 y'amavuko irenga. Ubushinjacyaha buvuga ko ubujurire bw'Uregwa nta shingiro bufite kuko ibimenyetso byashingiweho n'urukiko rwabanje, n'ubwo bitamuhamya icyaha cyo gusambanya umwana kuko umukobwa yasambanyije yari mukuru, uru Rukiko rwahindura inyito y'icyaha, maze agahanirwa icyaha cyo gukoresha undi imibonano mpuzabitsina ku gahato. Incamake y'icyemezo: Guhindura inyito y'icyaha ni uburenganzira n'inshingano umucamanza afite mu gihe cyose asanga ibikorwa uregwa akurikiranyweho bidahuye n'inyito byahawe n'inkiko zabanje, hakurikijwe ihame ry'uko umucamanza aregerwa ibikorwa bigize icyaha ataregerwa inyito yacyo. Ubujurire bufite ishingiro. Uregwa agizwe umwere ku cyaha ashinjwa, ahite afungurwa urubanza rukimara gusomwa. Amategeko yashingiweho: Itegeko N° 68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 riteganywa ibyaha n'ibihano muri rusange, ingingo ya 2 n'ya 134. Imanza zifashishijwe: RS/INJUST/Pen00004/2017/CS, Ubushinjacyaha na Mukaruyange Athanasie rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga ku wa 23/02/2018. RPAA0118/11/CS, Ubushinjacyaha na Ngurinzira rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga ku wa 13/11/2015.

Page 2

RPAA00443/2023/CA, Ubushinjacyaha na Hakiziyaremye Moïse rwaciwe n'Urukiko rw'Ubujurire ku wa 29/04/2025. RPAA00086/2020/CA, Ubushinjacyaha na Habakurama Modeste rwaciwe n'Urukiko rw'Ubujurire ku wa 22/02/2022. Urubanza I. IMITERERE Y'URUBANZA [1] Bakundukize Jacques yacyetsweho gusambanya umwana witwa N.B.1 w'imyaka 17 y'amavuko, bivugwa ko ku wa 04/12/2019 yamukuye iwabo i Karongi abwiye ababyeyi be ko agiye kumushakira ishuri, amugejeje i Ndera aho aba, umwana amubaza aho umugore we ari, amubwira ko ari i Gisenyi, bwije bararana ku buriri bumwe aramusambanya, hanyuma abaturanyi yabwiye ko ari umwana we babikurikiranye basanga yarababeshye, bamurega mu Bugenzacyaha. [2] Nyuma y'iperereza, Ubushinjacyaha bwareze Bakundukize Jacques mu Rukiko Rwisumbuye rwa Gasabo icyaha cyo gusambanya umwana, busaba ko ahamwa n'icyo cyaha agahanishwa igifungo cy'imyaka 20. [3] Bakundukize Jacques yaburanye ahakana icyaha aregwa avuga ko atari gusambanya umwana kandi batarabanaga mu nzu imwe, kuko uwo mwana yabaga kwa nyir'igipangu, kandi ko uwatanze ubuhamya atamuzi, asaba ko hagaragazwa raporo Muganga yakoze kuko bombi bapimwe, no kurenganurwa akagirwa umwere. [4] Mu rubanza RP01739/2019/TGI/GSBO rwaciwe ku wa 08/12/2020, Urukiko Rwisumbuye rwa Gasabo rwasanze Bakundukize Jacques ahamwa n'icyaha cyo gusambanya umwana, rumuhanisha igifungo cy'imyaka 21 rushingiye ku bimenyetso bikurikira:

- a) imvugo ze yemera ko yararanye n'umwana ku buriri bumwe;
- b) imvugo z'umwana wavuze ko muri uko kurarana yamusambanyije;

- c) ubuhamya bya Nizeyimana Ezechiél, ushinzwe amakuru mu Mudugudu wavuze ko mbere y'uko Bakundukize Jacques ashyikirizwa Ubugenzacyaha yemeye ko yasambanyije umwana. [5] Bakundukize Jacques yajuririye Urukiko Rukuru avuga ko yahamijwe icyaha cyo gusambanya umwana ntacyo yakoze, kandi nta bimenyetso rushingiyeho, kandi ko Nizeyimana Ezechiél watanze ubuhamya bafitanye amakimbirane. Uhagarariye Ubushinjacyaha yavuze ko Bakundukize Jacques atashoboye kuvuguruza ibimenyetso byashingiweho n'urukiko rumuhamya icyaha. [6] Mu rubanza RPA00169/2021/HC/KIG rwaciye ku wa 12/11/2024, Urukiko Rukuru rwasanze ubujurire bwa Bakundukize Jacques nta shingiro bufite, kuko atabashije kuvuguruza ibimenyetso byashingiweho n'Urukiko Rwisumbuye rwa Gasabo rumuhamya icyaha, rwemeza ko akomeza guhanishwa igifungo cy'imyaka 21. [7] Bakundukize Jacques yajuririye Urukiko rw'Ubugurire, urubanza ruhabwa RPAA01330/2024/CA. Iburanisha ryabaye mu ruhamye ku wa 08/10/2025, Bakundukize Jacques yunganiwe na Me Musasangohe Illuminée, naho Ubushinjacyaha buhagarariwe na Habineza Jean Damascène, Umushinjacyaha ku rwego rw'Igihugu.

1 Amazina arahinwe kubera kamere y'icyaha n'imyaka y'uwahohotewe.

Page 3

- [8] Mu myanzuro no mu miburanire, Bakundukize Jacques avuga ko umukobwa aregwa gusambanya yari mukuru, ko kandi ibimenyetso byashingiweho ahamwa icyaha cyo gusambanya umwana bishidikanywaho, agasaba kugirwa umwere. Uhagarariye Ubushinjacyaha avuga ko ubujurire bwatanze na Bakundukize Jacques nta shingiro bufite, kuko ibimenyetso byashingiweho n'urukiko rwabanje, n'ubwo bitamuhamya icyaha cyo gusambanya umwana kuko umukobwa yasambanyije yari mukuru, Urukiko rwahindura inyito y'icyaha, maze agahanirwa icyaha cyo gukoresha undi imibonano mpuzabitsina ku gahato. [9] Muri uru rubanza harasuzumwa ibibazo bikurikira:
- 1) kumenya niba umukobwa N. B. yari umwana cyangwa yari yujuje imyaka y'ubukure igihe icyaha cyakorwaga;
 - 2) kumenya niba ibikorwa Bakundukize Jacques ashinjwa ko yakoze bigize icyaha cyo gukoresha undi imibonano mpuzabitsina ku gahato. II. ISESENGURWA RY'IBIBAZO BIGIZE URUBANZA
 - 1) Kumenya niba umukobwa N. B. yari umwana cyangwa yari yujuje imyaka y'ubukure igihe icyaha cyakorwaga [10] Bakundukize Jacques na Me Musasangohe Illuminée umwunganira bavugaga ko hari ugushidikanya ku myaka ya N. B. uvugwa ko yasambanyijwe ari umwana w'imyaka 17 y'amavuko, kuko icyemezo cy'amavuko kigaragaza ko yavutse mu mwaka wa 2001, icyaha kivugwa kikaba cyarakozwe hagati yo ku wa 04/12/2019 no ku wa 10/12/2019, bivuze ko icyo gihe yari afite imyaka 18 y'amavuko irenga, ko rero kuba yarabeshye imyaka ye abigambiriye byakosorwa, hakomezwa ko uwo Bakundukize Jacques aregwa gusambanya atari umwana. [11] Uhagarariye Ubushinjacyaha avuga ko Urukiko Rwisumbuye rwa Gasabo rwasobanuye ko icyashingiweho hemezwa ko N. B. yakorewe icyaha afite imyaka 17

y'amavuko ari icyemezo cyatanzwe n'Umurenge wa Twumba kigaragaza ko yavutse mu 2001, ariko ko nta tariki n'ukwezi biriho. Avuga ko Ubushinjacyaha bwagerageje gushaka inyandiko y'ivuka y'uwo mukobwa ariko ikaba itaraboneka, ko rero kuba nta cyemeza itariki n'ukwezi yavukiye, urukiko rwashingira kuri uko gushidikanya, rukemeza ko yari afite imyaka 18 y'amavuko ubwo icyaha cyakorwaga. UKO URUKIKO RUBIBONA [12] Ingingo ya 2, agace ka munani (8°), y'Itegeko N° 68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 riteganya ibyaha n'ibihano muri rusange, nk'uko ryahinduwe, isobanura ko umwana ari umuntu utarageze ku myaka cumi n'umunani (18) y'amavuko. [13] Icyemezo cy'amavuko cyatanzwe ku wa 11/12/2019 n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Twumba kigaragaza ko umukobwa N. B., mwene Munyampundu na Mukandori Ester yavutse mu mwaka wa 2001, avukira mu Murenge wa Twumba, Akarere ka Karongi, Intara y'Iburengerazuba. [14] Urukiko rw'Ubujurire, rushingiye kuri icyo cyemezo cy'amavuko cyavuzwe haruguru, rurasanga ubwo N. B. yakorerwaga icyaha ku wa 04/12/2019 yari afite imyaka 18 y'amavuko, akaba rero atari umwana, kuko yari afite imyaka y'ubukure nk'uko impande zombi zibyumvikanaho muri uru rubanza.

- 2) Kumenya niba ibikorwa Bakundukize Jacques ashinjwa ko yakoze bigize icyaha cyo gukoresha undi imibonano mpuzabitsina ku gahato

Page 4

- [15] Uhagarariye Ubushinjacyaha avuga ko nubwo umukobwa N. B. yari afite imyaka y'ubukure igihe icyaha cyakorwaga, Bakundukize Jacques atagirwa umwere, kuko ibikorwa akurikiranweho bigize icyaha cyo gukoresha undi imibonano mpuzabitsina ku gahato giteganywa n'ingingo ya 134 y'Itegeko N° 68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 riteganya ibyaha n'ibihano, nk'uko ryahinduwe. [16] Uhagarariye Ubushinjacyaha avuga ko ibimenyetso bwatanze bigaragaza ko Bakundukize Jacques yabeshye ababyeyi b'umukobwa, abizeza ko agiye kumufasha kubona ishuri i Kigali, umukobwa ageze iwe mu rugo asanga ibyo yijeje ababyeyi be atariko bimeze, bigaragaza ko yakoresheje amayeri kugirango umukobwa agere iwe. Asanga rero nta bwumvikane bwabayeho kugira ngo Bakundukize Jacques asambanye uwo mukobwa, kuko iyo bubaho ataba yarakoresheje amayeri amubwira ko afite umugore, hanyuma yagera iwe akamubwira ko azajya amutekera. [17] Uhagarariye Ubushinjacyaha avuga na none ko mu Bugenzacyaha Bakundukize Jacques yemeye ko yabwiye abaturanyi ko umukobwa N. B. ari umwana we, akaba ari ikosa yakoze, aniyemerera ko yararanye nawe kubera ko yari afite inzu y'icyumba kimwe, akaba yari arimo gushaka iy'ibyumba 2. [18] Uhagarariye Ubushinjacyaha avuga kandi ko ibyo Bakundukize Jacques avuga ko imvugo za N. B. n'ubuhamya bwatanzwe na Nizeyimana Ezechiel bugomba guteshwa agaciro nta shingiro bifite, kandi ko Umucamanza ari we uha agaciro ubuhamya amaze kubusesengura kandi akabuhuza n'ibindi bimenyetso nk'uko byasobanuwe mu rubanza RPAA 0118/11/CS rwaciwe ku wa 13/11/2015, haburana Ubushinjacyaha na Ngurinzira, ko urukiko ari rwo rusuzuma ireme ry'ubuhamya rushingiye ku bumenyi bw'ababutanga n'uburyo basobanura ibyo biboneye cyangwa bumvise. [19] Uhagarariye Ubushinjacyaha avuga ko atari itegeko ko raporo ya Muganga iba ihari mu gihe hari ibindi bimenyetso bigaragaza ko icyaha

cyabayeho, kuko ari ikimenyetso mu bindi, nk'uko byasobanuwe mu rubanza RPAA00086/2020/CA rwaciwe ku wa 22/02/2022, haburana Ubushinjacyaha na Habakurama Modeste, ko raporo ya Muganga atari yo yonyine igaragaza ikorwa ry'icyaha. [20] Uhagarariye Ubushinjacyaha asaza asaba ko, hashingiwe ku ngingo ya 134 y'Itegeko N° 68/2018 ryo ku 30/08/2018 ryavuzwe haruguru, Bakundukize Jacques yahanirwa icyaha cyo gukoresha undi imibonano mpuzabitsina ku gahato, maze agahanishwa igifungo cy'imyaka 10. [21] Bakundukize Jacques na Me Musasangohe Illuminée umwunganira bavuga ko ibyo Ubushinjacyaha buvuga ko agomba guhanirwa icyaha cyo gukoresha undi imibonano mpuzabitsina ku gahato bidashoboka, kuko umukobwa N. B. amaze kubona ko ibyo yijejwe bidakunze ntacyo yakoze, kandi yari afite uburyo yabyikuramo, harimo kuba yahamagara ababyeyi be cyangwa agashaka icumbi ahandi, cyane cyane ko yavuye iwabo agomba kurara kwa maman Fifi ariko akaza kwisubiraho akajya kurara iwe, ko rero kuba yarahagumye ari icyemezo yafashe ubwe. Bavuga kandi ko uwo mukobwa yaranzwe no kubeshya, ubwa mbere abazwa na Nizeyimana Ezechiel avuga ko Bakundukize Jacques yamukoresheje imibonano mpuzabitsina inshuro 1, ariko ageze mu Bugenzacyaha avuga ko bayikoze inshuro 2, anabeshya ku myaka ye, kandi ntiyemera gupimwa na Muganga. Basanga rero Bakundukize Jacques akwiriye kugirwa umwere. [22] Bakundukize Jacques na Me Musasangohe Illuminée umwunganira bavuga na none ko imvugo ze yemera ko yakoranye imibonano mpuzabitsina na N. B. zidakwiye gushingirwaho, kuko yabyemeye kubera gukubitwa, ko n'imvugo za N. B. n'ubuhamya bwatanze na Nizeyimana Ezechiel ushinze amakuru mu Mudugudu bidakwiye gushingirwaho n'urukiko rumuhamya icyaha, kuko ibyo uwo mukobwa yavuze ari ibyo yabwirijwe na Nizeyimana Ezechiel bafitanye ikibazo cy'uko yanze kumwishyura 350.000Frw yamuguriye yamwishyura akabura ubwishyu.

Page 5

[23] Bakundukize Jacques na Me Musasangohe Illuminée umwunganira bavuga kandi ko nta raporo ya Muganga igaragara muri dosiye ngo ibe kimwe mu bimenyetso cyemeza ko yakoresheje imibonano mpuzabitsina ku gahato. UKO URUKIKO RUBIBONA [24] Impaka kuri iki kibazo zishingiye ku kumenya niba ibikorwa Bakundukize Jacques akurikiranweho n'Ubushinjacyaha bigize icyaha cyo gukoresha undi imibonano mpuzabitsina ku gahato ku buryo yabihanirwa. [25] Ku bijyanye no guhindura inyito y'icyaha byatanze umurongo n'Urukiko rw'Ikirenga mu rubanza RS/INJUST/Pen00004/2017/CS rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga ku wa 23/02/2018, haburana Ubushinjacyaha na Mukaruyange Athanasie (igika cya 18) uvuga ko guhindura inyito y'icyaha ari uburenganzira n'inshingano umucamanza afite mu gihe cyose asanga ibikorwa uregwa akurikiranyweho bidahuye n'inyito byahawe n'Inkiko zabanje, hakurikijwe ihame ry'uko Umucamanza aregerwa ibikorwa bigize icyaha ataregerwa inyito yacyo. Uyu murongo wakurikijwe n'Urukiko rw'Ubujurire mu manza zitandukanye rwaciye, harimo n'urubanza RPAA00443/2023/CA rwaciwe ku wa 29/04/2025, haburana Ubushinjacyaha na Hakiziyaremye Moïse. [26] Ku byerekeye icyaha cyo gukoresha undi imibonano mpuzabitsina ku gahato, ingingo ya 134 y'Itegeko N° 68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 rigena ibyaha n'ibihano muri rusange, nk'uko ryahinduwe, iteganya ko umuntu

wese ukoresha undi kimwe mu bikorwa bikurikira nta bwumvikane bubayeho, hakoreshejwe imbaraga, iterabwoba, uburiganya, ububasha amufiteho cyangwa abikoze ku bw'intege nke z'uwakorewe icyaha, aba akoze icyaha: 1° gushyira igitsina mu gitsina, mu kibuno cyangwa mu kanwa k'undi muntu (...). Umuntu wese uhamijwe n'urukiko gukoresha imibonano mpuzabitsina ku gahato, ahanishwa igifungo kitari muni y'imyaka icumi (10) ariko kitarenze imyaka cumi n'itanu (15) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda atari muni ya miliyoni imwe (1.000.000Frw), ariko atarenze miliyoni ebyiri (2.000.000Frw) (...). [27] Nk'uko bigaragara muri dosiye, ibimenyetso Ubushinjacyaha bushingiraho buvuga ko ibikorwa Bakundukize Jacques akurikiranweho bigize icyaha cyo gukoresha undi imibonano mpuzabitsina ku gahati ni ibi bikurikira:

- a) imvugo ze mu Bugenzacyaha no mu Bushinjacyaha aho yemeye ko ku wa 04/12/2019 yakuye N. B. iwabo i Karongi amuhawe n'ababyeyi be kugira ngo amushakire ishuri, bageze i Ndera aho aba babana mu nzu imwe, ndetse barara ku buriri bumwe, kuko inzu yari ifite icyumba kimwe, ko yakoze ari ikosa ryo kuvuga ko uwo mukobwa ari umwana we, ariko ko atigeze amusambanya;
- b) imvugo za N. B. wavuze ko Bakundukize Jacques n'ababyeyi be bemeranyije ko ajyana nawe i Kigali kumushakira ishuri, ko mu gihe azaba ariyo azajya aba kwa maman Fifi, hanyuma ku wa 04/12/2019 bava i Karongi azi ko asanga umugore we mu rugo, bahageze amubwira ko umugore we yagiye i Gisenyi, amubwira ko igihe yagiye mu kazi azajya amutekera, arabyanga, aza kumusambanya ku ngufu mu ijoro rya kabiri bararanye, yajya gutaka akamupfuka umunwa. Ku kibazo cyo kuba Bakundukize Jacques yaravugaga ko ari se, N. B. yavuze ko yabivugaga, yamubaza impamvu abeshye akamucecekesha. Yavuze na none ko maman Fifi yanze ko aba iwe atinya ko yajya akubita abana be, ko hari aho yaraye ku muturanyi bucye aya kwa Bakundukize Jacques, ariko agiye gusubira aho yaraye aramwangira barongera bararana ariko ntiyamusambanya;
- c) ubuhamya bwatanzwe na Nizeyimana Ezechiel, ushinze amakuru mu Mudugudu wavuze ko yasabwe n'ushinzwe umutekano mu Mudugudu kuja gukurikirana ikibazo cya Bakundukize Jacques, ahageze amubaza icyo apfana na N. B., amubwira ko ari umwana arera, amwemerera ko

Page 6

barara ku buriri bumwe, ariko ahakana ko atamugize umugore we. Yavuze kandi ko uwo mukobwa yamubwiye ko yamusambanyije rimwe, na Bakundukize Jacques amubwira ko yamusengeraga kubera uburwayi, akaba yaramusambanyije rimwe kandi atabigambiriye, naho nyir'igipangu babagamo amubwira ko uwo mukobwa yaraye iwe rimwe ntiyagaruka. [28] Urukiko rw'Ubujurire rurasanga Bakundukize Jacques yarakurikiranweho icyaha cyo gusambanya umwana w'imyaka 17 biturutse ku mpungenge Abayobozi b'inzego z'ibanze bagize ko umukobwa babana mu nzu yari umwana, ariko nk'uko byasobanuwe haruguru, uwo mukobwa N. B. yari yujuje imyaka y'ubukure. [29] Urukiko rw'Ubujurire rurasanga ibimenyetso byagarutswaho haruguru Ubushinjacyaha bushingiraho busaba ko Bakundukize Jacques yahanirwa icyaha cyo

gukoresha undi imibonano mpuzabitsina ku gahato bitera gushidikanya ku kumenya niba koko umukobwa N.B. yarabanye na Bakundukize Jacques batabyumvikanyeho, anamukoresha imibonano mpuzabitsina ku gahato, kubera impamvu zikurikira:

- a) bombi bavana i Karongi, umukobwa yari azi ko agomba gucumbika kwa maman Fifi, ntabwo bateganyaga kubana mu nzu imwe;
- b) umukobwa N. B. yabanje kuba kwa nyir'igipangu, hanyuma ajya kurarana na Bakundukize Jacques;
- c) nta muturanyi cyangwa se umuyobozi umukobwa N. B. yigeze agezaho ikibazo cy'uko yahohotewe na Bakundukize Jacques, nyamara avuga ko yumvaga abeshya abaturanyi ko ari umwana we, kugeza ubuyobozi bwinjiye mu kibazo cye. [30] Urukiko rw'Ubujurire rurasanga rero nta kimenyetso kidashidikanywaho kigaragaza ko Bakundukize Jacques yakoresheje N. B. imibonano mpuzabitsina ku gahato, akaba agomba kugirwa umwere. [31] Urukiko rurasanga, ubujurire bwatanzwe na Bakundukize Jacques bufite ishingiro, urubanza n° RPA00169/2021/HC/KIG rwaciwe n'Urukiko Rukuru ku wa 12/11/2024 yajuririye rukaba rugomba guhinduka mu ngingo zarwo zose. III. ICYEMEZO CY'URUKIKO [32] Rwemeje ko ubujurire bwatanzwe na Bakundukize Jacques bufite ishingiro. [33] Rwemeje ko urubanza RPA00169/2021/HC/KIG rwaciwe n'Urukiko Rukuru ku wa 12/11/2024 ruhindutse mu ngingo zarwo zose. [34] Rwemeje ko Bakundukize Jacques adahamwa n'icyaha cyo gusambanya umwana n'icyo gukoresha undi imibonano mpuzabitsina ku gahato. [35] Rutegetse ko Bakundukize Jacques ahita afungurwa uru rubanza rukimara gusomwa.

Source & reproduction note

Judgment wording, source notices and original paragraph numbers are retained. Esheria supplies the layout and this PDF's page numbers; these are not the source pagination. This is a research copy, not an official or certified court document. Check quotations, citations and publication restrictions against the original source before relying on it.

ORIGINAL SOURCE <https://www.amategeko.gov.rw/view/doc/10279/10821>

CASE PAGE <https://chat.esheria.ai/case-law/rwanda/bakundukize-jacques-changeofcharge-court-of-appeal-2025>

Prepared on 11 October 2026 · Esheria